# Ndaha ibendera umugabo ukunda Allah n'Intumwa ye, Allah azahesha intsinzi

Hadith yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ku munsi w'urugamba rwabereye ahitwa Khaybar yavuze iti: "Ndaha ibendera umugabo ukunda Allah n'Intumwa ye, Allah azahesha intsinzi." Umar Ibun Al Khatwab aravuga ati: Sinigeze nkunda ubuyobozi na rimwe usibye kuri uwo munsi! Yaravuze ati: Nuko ndisumbukuruza nifuza ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ari njye yavuga, yaravuze ati: Nuko ihamagara Ally Ibun Abi Twalib irarimuha maze iravuga iti: Genda ariko ntuhindukire kugeza ubwo Allah ari bukunyuzeho intsinzi." Aravuga ati: Nuko Ally atera intambwe nke arahagarara ariko ntiyahindukira, maze avuga mu ijwi riranguriye ati: Yewe Ntumwa y'Imana! Ese ndarwanya abantu kubera iyihe mpamvu? Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iravuga iti: Ubarwanye kugeza bahamije ko nta yindi mana ikwiye kugaragirwa by'ukuri uretse Allah kandi ko Muhamadi ari Intumwa ya Allah; ibyo nibabikora amaraso yabo n'imitungo yabo bizaba bibaye ikizira kuri wowe cyeretse binyuze mu kuri, kandi ibarura ryabo ni kwa Allah."

[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabwiye abasangirangendo bayo ko ejo bazatsinda abayahudi batuye ahitwa Khaybar i Madinat, binyuze ku mugabo umwe iri buhe ibendera, rikaba ryarifashishwaga n'ingabo zisakiranye ku rugamba ngo ribe ikimenyetso cyazo, uyu mugabo kandi mu bimuranga nuko akunda Allah n'Intumwa ye nabo bakamukunda. Umar Ibun Al Khatwab (Imana imwishimire) yanavuze ko atigeze yifuza ubuyobozi nko kuri uwo munsi, yifuza ko ibyo Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze byo gukunda Allah n'Intumwa ye yaba ari we yari igamije, nuko Umar akomeza kwisumbukuruza kugira ngo Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) imurebe ari we ihamagara, no gushishikarira kuba ari we utwara ririya bendera. Nibwo Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yahamagaye Ally Ibun Abi Twalib (Imana imwishimire) imuha ibendera inamutegeka ko ayobora ingabo kandi ntave ku rugamba nyuma y'uko zisakiranye n'umwanzi ashaka kuruhuka cyangwa se asaba agahenge kugeza ubwo Allah ari buze kumuha intsinzi no guhashya abanzi. Nyuma Ally (Imana imwishimire) atera intambwe ageze imbere arahagarara ariko ntiyahindukira, kugira ngo atanyuranya n'itegeko ry'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), nuko Ally avuga mu ijwi riranguruye agira ati: Yewe Ntumwa y'imana! Ndwanye abantu ngamije iki? Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iramubwira iti: Ubarwanye kugeza ubwo bahamije ko nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri uretse Allah kandi ko na Muhamadi ari Intumwa ya Allah; ibyo nibabyemera bakaba abayisilamu, icyo gihe uzaba ubujijwe kumena amaraso

yabo ndetse no gufatira imitungo yabo bizaba ari ikizira kuri wowe, cyeretse binyuze mu kuri nko kuba bakora ibyaha byatuma bicwa nk'uko amategeko y'ubuyisilamu abiteganya, ndetse n'ibarura ryabo rizaba ari kwa Allah.



النجاة الخيرية
ALNAJAT CHARITY
لجنة الدعوة الإلكترونية
EDC E-Da'wah Committee